ITANGAZO RY'IHURIRO RY'IGIHUGU NYUNGURANABITEKEREZO RY'IMITWE YA POLITIKI KU MATORA Y'ABAYOBOZI B'INZEGO Z'IMITEGEKERE Y'IGIHUGU ZEGEREJWE ABATURAGE N'AB'INAMA Z'IGIHUGU YABAYE MU UKWAKIRA – UGUSHYINGO 2026

Ku butumire bwa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora, Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki ryohereje mu Turere 27 tw'Igihugu, Indorerezi mirongo itandatu n'enye (64) zituruka mu Mitwe ya Politiki cumi n'umwe (11) irigize, kugira ngo zikurikirane ibikorwa by'imyiteguro n'imigendekere y'amatora y'abayobozi b'Inzego z'Imitegekere y'Igihugu Zegerejwe abaturage n'ab'Inama z'Igihugu, yari ateganyijwe mu Ukwakira -Ugushyingo 2026.

By'umwihariko Ihuriro ryakurikiranye Amatora y'abagize Biro y'Inama Njyanama n'aya Komite Nyobozi z'Uturere, yabaye tariki ya 24 Ugushyingo 2026.

Muri icyo gikorwa, indorerezi z'Ihuriro zahawe ubutumwa bukurikira:

1) Kureba niba amategeko n'amabwiriza bigenga amatora byubahirizwa;
2) Kureba niba "Site" z'itora ziteguye neza;
3) Kureba ko ibikoresho by'amatora biri kuri site itorerwaho;
4) Kureba uko amatora yitabirwa;
5) Kureba ko uburenganzira bw'abaje gutora bwubahirizwa;
6) Kureba muri rusange uko umutekano n'ituze byaranze amatora;
7) Kureba uko ibarura ry'amajwi rikorwa;
8) Kureba uburyo ibyavuye mu matora byakiriwe n'Inteko itora.

1. IMYITEGURO Y'AMATORA

Indorerezi z'Ihuriro zashimye ko amatora yamenyeshejwe Abanyarwanda ku buryo buhagije hakoreshejwe uburyo bw'itumanaho bunyuranye.

Indorerezi z'Ihuriro zashimye ko ahabereye amatora hari ibirango bigaragaza aho agomba kubera. Isuku kuri site y'ahatorewe yari ishimishije. Indorerezi zashimye ko ibikoresho by'amatora byagereye ku gihe ahabereye amatora; abayobora amatora bakaba bari mu myanya yabo kandi babukereye.

2. IMIGENDEKERE Y'AMATORA

Indorerezi z'Ihuriro zashimye uburyo amatora yagenze. Zabonye ko mu gihe umubare wa ngombwa w'Inteko itora usabwa kugira ngo itora ritangire wabaga uhari, abayobora itora batangizaga igikorwa.

Abakandida bahawe umwanya ungana wo kwiyamamaza imbere y'Inteko itora. Indorerezi z'Ihuriro zashimye ko abatora batoye mu bwisanzure, mu mucyo, mu ibanga no mu mutekano.

Indorerezi z'Ihuriro zabonye ko abakorerabushake ba Komisiyo y'Igihugu y'Amatora bagaragaje ubunyamwuga n'ubwitange mu miyoborere y'amatora.

3. IBARURA RY'AMAJWI N'UKO IBYAVUYE MU MATORA BYAKIRIWE

Indorerezi z'Ihuriro zashimye ko ibarura ry'amajwi ryabereye ku mugaragaro, ku buryo buri wese witabiriye icyo gikorwa yahitaga abona amajwi buri mukandida yabonye.

Indorerezi z'Ihuriro zabonye ko ibyavuye muri ayo matora byakiriwe neza n'abakandida ndetse n'abagize Inteko itora.

MU GUSOZA

Ihuriro rirashima ko muri aya matora, Inteko itora Komite Nyobozi y'Akarere yagutse; kuko hiyongereyemo abagize Biro za Njyanama z'Utugari.

Ihuriro rirashima ubwitabire bw'Inteko itora kuko yahagereye ku gihe.

Ihuriro rirashima ubushake Abanyarwanda b'ingeri zinyuranye bagaragaje bwo guhatanira kujya mu Nzego z'ubuyobozi kugira ngo bakomeze kugira uruhare mu miyoborere myiza n'iterambere by'u Rwanda. Ibi bigaragazwa n'umubare munini w'abakandida wagiye ugaragara kuri buri cyiciro cy'itora.

Ihuriro rirashima kandi ubufatanye bwaranze Komisiyo y'Igihugu y'Amatora, Inzego z'Ubuyobozi bw'Igihugu, Inzego z'Umutekano n'abaturage kugira ngo aya matora ategurwe kandi agende neza.

Indorerezi z'Ihuriro zirashima ko aya matora yakozwe hakurikijwe amategeko n'amabwiriza ayagenga.

Bikorewe i Kigali, ku wa 25 Ugushyingo 2026.

Hon.NDAGIJIMANA Leonard
Umuvugizi w'Ihuriro